K0221324

| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | : | **0021 RTLM 20 03-06-94**<br>**KT00-0822** |
| **DURÉE** | : | **90 MINUTES** |
| **QUALITÉ** | : | **BONNE** |
| **TRANSMISSION** | : | **RTLM** |
| **NOM DU TRANSCRIPTEUR** | : | **MUSHONGANONO Béatrice (FACE A)**<br>**ICYITEGETSE Drocella (FACE B)** |
| **DATE DE LA TRANSCRIPTION** | : | **LE 29/10/2001** |
| **NOM DU FICHIER** | : | **0021 WPD** |
| **DICTAPHONE** | : | **SANYO MODÈLE : TRC-8080**<br>**SÉRIES : P8806620 & P9407754 F** |

## FACE A

**Orateur Kantano HABIMANA :**

... barahangayitse kubera ikintu kimwe cyigize icyibe! Dore indi baruwa na none ivuga icyo cyihebe, uyu aravuga ati "kuri RTLM ndabasaba kumenyesha IMULINDA Yuvenali ko inzu ye baraye bayisahuye hakaba nta kintu gisigayemo uretse ipikipiki yabananiye kujyana, ibyo bikaba byaratewe n'uko RWABIKALI Eliyazari wari wayisigayemo yameneshejwe n'umwicanyi witwa HATEGEKA mwene SEBUGWAGWA utuye muri Komine Rwerere, Segiteri Muhanda, Perefegitire Gisenyi washatse kumurasa amaze kumwambura ibyangombwa bye n'ikaziye ya Primus kuva itariki ya mbere y'ukwa gatandatu mirongo cyenda na kane, igihe cy'i saa moya n'igice za nimugoroba, RWABURALI Eliyazari agakizwa na BWANAKWELI Damaseni mukuru wa HATEGEKA n'abandi". Ati "rero abaturage ba Selire Kanyanza, Segiteri Cyahafi, Komine Nyarugenge, bababajwe n'uko HATEGEKA atarafatwa kugeza ubu akaba ahiga abantu bose kugira ngo abice". Ati "namara kumwi... kubica yigire muri Komine Rwerere iwabo ku Gisenyi". Ndakeka yuko no muri Rwerere bumva RTLM, icyo gikenya rero HATEGEKA nikiramuka gicitse kimaze kwica abantu ni ukugifata kuko gite (interruption)

Noneho ugapfa kuboho... cyangwa se umuntu ukabona hari abakeka yuko twebwe RTLM ngo "ari Radiyo" ngo "itanga morale gusa" ngo ariko ibintu byacitse. Haa! Nyamara muzatangara, twe ntabwo ari uko dukora! Narababwiye nti jyewe nzahunga Inyenzi-Inkotanyi nimbona umusirikare nyawe ariko nizeye atari bya bindi by'ibigwari bamwe bapfa kwambara ibintu bya tâche-tâche gusa ngo ni abasirikare ariko mu mutima ubundi barutwa n'abasivile, barutwa ne... mbese hari abasirikare nyine bitwa ngo ni abasirikare ariko birumvikana mu... mu mirimo yose babaho, ugasanga umuntu ngo ni umwarimu ariko wasanga mu ishuri kwigisha zeru, umuntu ngo ni Dogiteri ariko ugasanga ubudogiteri bwe ari iyo diplôme gusa abo ngabo babaho, cyangwa ugasanga umukozi wa leta ariko nta cyo akora.

Jye nababwiye ko umunsi hazaza umusirikare nyawe koko uyu nemera akambwira ati yewe Kantano, haje Inyenzi turasa, twayirasa amasasu n'iyo twakoresha Mi point senkanti, Mi point senkanti ni urusasu mfite hano runini ee rwa ya mbunda bambu... bambuye Inyenzi ejo akambwira ati iyo, iyo, iyo mbunda bambuye Inyenzi ejo irasa muri kilometero umunani avec précision. Ni ukuvuga yuko uri muri kilometero umunani akakureberamo araguhamya. Noneho rero umunsi haje umusirikare akambwira ati

Kantano rero, noneho haje Inyenzi, iyo ari muri kilometero tukamurasa na M.50, iyo ari muri metero ijana tukamurasa na Mi point senkanti, ntapfe aa na... ati "ntapfa"! Turakubita umuhini nta... Inyenzi nti... ntipfe, ntirire, turakomeretsa, turayitera icumu ntikomereke, jyewe nzavuga nti Inyenzi ndazibishije kuko ziragatsindwa! Naho mu gihe Inyenzi uyikubita umuhini igapfa, mu gihe Inyenzi uyirasa uretse na Mi point sendanti igihe uyirashisha karacinikovu unayambuye igapfa, mu gihe uyitera icumu igakomereka, igacumbagira, mu gihe inyenzi ari umuntu nkanjye ntabwo nzayihunga ntarayibona, ntizapfa guturitsa ibintu ngo niruke, yenda ningira umwaku kizangwaho ariko najye umunsi nayibonye ubwo "tuzagwa miswi"! Kunkanga rero ngo irankura mu gihugu cyanjye, ntabwo nzayikundira ntibishoboka! Tuzacyicaniramo izo ngegera, ntabwo zishobora kudukura mu byacu gusa... ngo tuzirebe kandi ari abantu nkatwe, ibyo babyita ubugwari.

Mu kanya hari umuntu umbwiye ati "kuri Sainte Famille mu gitondo twahafatiye Inyenzi", ati "mu by'ukuri ziriya Nyenzi, ahasigaye umenya yenda Abanyarwanda kubera ko tugira impuhwe hari umuntu yazibabarira"! Ati "yarashonje, yarashonje byo gupfa, ntizi ahantu igana nta ki, iravuga gusa ko ari Inyenzi, ariko wakwibaza uku... wareba ukuntu imeze, wareba ukuntu yazahaye, ukibaza ariko iyi Nyenzi mu by'ukuri iragana hehe"? Ni uko ubwo rero ngo bagiye kuyereka abategetsi ubwo ngubwo twizere ko bayirebye neza, ariko rero bariya bantu b'abagome bakomeza kwiyahura ndakeka yuko bazashira byanze bikunze, tuzabamara mu gihe ari abantu nkatwe ntibazakomeza kudukanga ngo tubyihanganire, ngo baturitse ibintu, byonyine hano i Kigali barabituritsa bimwe tukabisama, ibindi tukabitega umutwe, ibindi bikagwa mu mwobo bikagenda uko byakaje ariko ibyo bintu by'ubugome ntabwo bizadukanga tuzakomeza duhangane n'Inyenzi-Inkotanyi.

Ibyo nababwiraga rero bya Radiyo RTLM, ntabwo tuba dutanga courage gusa byo gutanga courage yenda tuvuga tuti twashize, oya, ni uko tuba tubona byanze bikunze yuko ziriya nkenya z'Inyenzi-Inkotanyi MUSEVENI yohereje tuzazitsinda. Tuzazitsinda kubera ko turi benshi ku buryo buhagije. N'ubwo mu kinyarwanda bavuga ngo "uburo bwinshi ntibugira umusururu", ariko turi benshi bihagije, dufite ibikoresho bihagije, ingabo z'u Rwanda zizi kurwana bihagije murabona zirwanye n'Inyenzi imyaka itatu, zirabazi rero ku buryo buhagije. Ee kandi urabona ko dufite abasore koko! Ku buryo rero kuvuga ngo Inyenzi zizadutsinda, kwize... kuvuga ibyo mu by'ukuri ni ukuba ikigwari no kuba imbwa, Inyenzi tuzazitsinda uko zaba zimeze kose. Abazifasha bose twabatsinda, ku buryo rero mu by'ukuri biriya byo kurwana, byo kwirukanka ni uguhanyanyaza, ni

uguhanyanyaza byo kuvuga bati yenda tugerageze nitugira Imana bagahunga mbese ni nko muri uyu mujyi wa Kigali, baravuga bati "hinga dutere ibisasu nitugira Imana bagahunga ça va, tuzaba tugize Imana tuzaza tujye mu mazu nta bantu barimo, nitumaramo amezi abiri bazaba batakigarutse noneho ubwo nta kundi dutangire dutegeke iki gihugu, dutegeke uyu mujyi". Urumva rero yuko ni uguhanyanyaza. Jyewe mbigereranya iby' Inkotanyi zikora mbigereranya na ya... ya sazi yimije urutare, iravuga iti "nibifata ni ha mana"! Ni ukugerageza, ni ukugera... baravuga bati "nitubakanga sawa! "Nitujya za Ntongwe, tukajya za Gitarama bakiruka", bon "nitugira Imana bakatubisa tuzahaguma", "nitujya i Kibungo tugakanga bakagenda sawa, ariko nibanga hum... natwe ntitwakwiyahura".

Ni yo rero mpamvu mvuga yuko umujyi wa Kigali ntibashobora kuwufata Inkotanyi, kuko ziwufashe ni uburyo bwo kwiyahura zashira! Abasirikare baziri inyuma barimwo barwana na zo baza bazikurikiye n'ubwo zabatoroka zivuga ngo zije i Kigali baza bazikurikiye. Abari muri Kigali bazihiga, ari abaturage ari abasirikare, abo bose baziriho ni zo bareba nta kindi. Utwo Tunyenzi rero murumva ko nta cyo twashobora. Ni nk'iriya tagitike yatwo yo kugenda twirukanka hirya no hino ngo "twageze i Nyanza", ngo "twageze hehe", ngo "twishe abantu aha n'aha", biriya na byo nta cyo bimaze kuko nk'Inyenzi koko yagiye i Cyangugu ubu izavayo ite? Iyagiye se ku Gikongoro? Igerageza se kujya ku Kibuye? Biriya byo kuvuga rero ngo "mumperekeze mungeze iwacu", ngo "mumporere cyangwa muhorere bene wacu bapfuye", biriya na byo biragirira Inyenzi nabi kuko uwo musore wagiye mu Nkotanyi avuye iwabo, avuye ku murenge abantu bamuzi akajya mu Nkotanyi ejobundi akaza aherekejwe n'Abagande yitwaje bya karacinikovu akica abaturanyi, akica abaturage, ntagishoboye no kuza kuburanira isambu ya se niba barapfuye. Kuko abo yiciye umunsi yaje kuburana isambu ya se bazamugota, bazamwica, ntazahashinga akazu, ntazahashakira umugore. Abo bantu rero barimwo bariyicira.

Kimwe n'Inyenzi-Inkotanyi ubwazo, bariya bana b'impunzi zo muri mirongo itanu n'icyenda barabona ibihugu byose biravuga biti "twe nta mpunzi z'Abanyarwanda dushaka nimutahe iwanyu". Tanzaniya iravuga iti "reka da, nimutahe iwanyu". Zayire iti "shwi, mugomba kujya iwanyu". Ubuganda na bwo buti "mugomba kujya iwanyu". None se bariya bantu aho bagombaga kujya ko ari ho babiba urwango, ibihugu bibacumbikiye nibyabaharurukwa bariya bantu bazajya he? Bazaza se ahantu bishe abaturage bamaze, bazabana na nde? Ibyo rero na byo ni ukwihemukira, bariya bantu babashuka barashaka kubabwira yuko aho baba bazahaguma ariko bamenye ko ari abuzukuru b'impunzi, ari

abana b'impunzi ntabwo rero bazaguma muri kiriya gihugu barimo. Ntabwo rero bazaguma mu Bugande MUSEVENI ntazakomeza ategeka. U Rwanda ni urwabo turarusangiye, ariko nibakomeze barudusenyereho bazicuza, bazicuza "bazibuka ibitereko basheshe" mu gihe bazabahinda hariya bari noneho bakabura aho bahungira, banahunga baje tukabasanganiza amahiri n'ibibando kubera ko nta kuntu bazaba bameze.

Tugarutse rero ku bya... kuri ziriya Nkotanyi zigenda zirukanka zishaya mu misozi, nimumbwire namwe umunsi abaturage buri muturage azaba yabonye imbunda mu byerekeye défense civile kandi ko bitarenze iki cyumweru buri mu... byibuze muri buri komine hatari abasirikare magana abiri b'abaturage bahiga Inkotanyi, izo Nkotanyi koko zizajya he? Zizahungira he? Hari igihe babivuga ngo ni ibikino. Ni ibikino se iki? Buri muturage wese bazamuha imbunda, cyangwa se abasore mu makomine aya n'aya bunganire abasirikare. Ubwo se izo Nkotanyi zizajya he? Abasore bavuye ku mirenge se, nk'abavuye za Muyira, za Ntongwe, niba baragiye bakica abaturage, ko bazabirukankana bakabageza kure, ubwo se ni ko gutegeka Muyira? Ni ko gutegeka Ntongwe se kuza kwica abaturage ngo ni uko batumvikanaga na so? Ibyo bintu mu by'ukuri Inkotanyi zari zikwiye kubitekerezaho zikumva ko zirimo zi...sibira amayira, zikumva yuko amaherezo zizaba Inkotanyi nyine zo kubuyera, zo kuzerera kandi yenda ibihugu zirimo bitaza...zishobokera.

Ku byerekeye rero izo Nkotanyi zigenda hose zizerera, ziyogoza imisozi, hano ndi kumwe n'umugabo wo muri Komine Ntongwe akaba... yaramenye ko n'iwabo zahageze hinga abanze abibwire.

**Orateur Siméon NZAYINAMBAHO :**
Ee murakoze munyamakuru Kantano, mbanje rwose kubanza kugushimira hamwe n'abandi banyamakuru mufatanije uyu murimo mwiza cyane wo guhumuriza no gutera inkunga abaturage bahagaze mu gihugu cyabo kandi bagomba kukirwanirira, nanjye rero nkaba ngeze hano muri blindé ya RTLM, ee ibi bihe byose byabaye twakomeje kubikurikira, dukomeza gukurikira iby'Inkotanyi zikorera iki gihugu cyacu tuzima amatwi rimwe na rimwe ee ariko tubibona tugira ngo wenda zazisubiraho, ariko aho bigeze ndi umwe mu basanze ari ngombwa ko twagira ikintu dutangariza abaturage.

Njye rero nkaba nitwa NZAYINAMBAHO Siméon, nkaba ndi umukozi wa Leta, umwe mu basore biyemeje kuguma muri Kigali badashobora gutererana Capitale uko byagenda kose. Bake bashoboye gusigara twashoboye guterana inkunga, turacyari kumwe hano mu

mujyi tumeze neza ku mabariyeri dufatanya n'abandi bose umujyi ni uwacu tuwutemberamo uko dushoboye, nta na hamwe tudashobora kujya, ibyo kumva ngo isasu riravugira aha n'aha ngo riravugira kuri... Rebero, ngo riravugira ku Gisozi, ngo riravugira aha n'aha, ibyo nta we bigomba gutangaza kuko nanjye mfashe imbunda yanjye nkarasa isasu hano mu mujyi, ee umuntu wese yavuga ngo mu mujyi havugiye isasu.

Ubwo rero ubwo maze kubibwira nagira ngo nkomeze mbagezaho igitekerezo cyanjye cyanzinduye. Rwose nkimara kumva ibintu Inyenzi-Inkotanyi zakoreye abaturage, ndavuga Abanyarwanda bose muri rusange, noneho by'umwihariko nkurikije imvugo yari isanzwe ivugwa ngo "ahari Inyenzi-Inkotanyi ntabwo zaje zishaka aba n'aba, ahubwo zaje zishakaga aba n'aba". Haga... du... ubwo ndashaka kuvuga ko bamwe bari bazi ko ngo "Inyenzi-Inkotanyi zaje zishaka abakiga" ngo "ntabwo abanyenduga zizabageraho".

Ibyo bintu nkimara kumva ibyabereye epfo iriya, amarorerwa yabereye epfo iriya, nahise numva nanjye nzinutswe noneho ndavuga nti ni hahandi ibyo zigiye zikaba zirimo zi... kubikorera umuryango wanjye, zikaba zirimo kubikorera abaturage abaturanyi bacu abanyamayaga, ntabwo ari jyewe zizareka nizingeraho, uretse ko kungeraho kwazo bizazigora rwose mbizibwire, ni kimwe n'Abanyarwanda bose kandi n'ubundi hee kuvuga yuko zaba zingezeho, ntabwo zaba zigeze ku Banyarwanda bose. Uko mbona bimeze muri uno mujyi ni hahandi habo barakora ubusa, barakora ubusa rwose.

Bon, nkaba nagize rero igitekerezo cyiza cyo kuza cyane cyane ngira ngo nganirire abaturage bagize isanganya bayikuruweho n'Inyenzi-Inkotanyi epfo iriya ee za Bugesera aho batari bamenyereye ibintu nk'ibyo, ibintu by'ubugome bidasanzwe by'Inkotanyi, ee za Ntongwe, ubwo by'umwihariko ndagira ngo nsuhuze ababyeyi banjye bari batuye muri segiteri Gitovu ee ya Komine Ntongwe ari na ho zaherey e, ubwo mperuka yo mperukayo rwose nasanze bameze neza, bari bari aho abaturage bose bafite umugambi wo kuzahangana na zo kandi baratangiye zimwe na zimwe kuzikacira, ariko bwa bugome bwazo ntabwo bura...zifasha... bwa... zirabufasha hasi kuko zifata ibibunda binini zikohereza zigakanga, zikagira gute, abaturage bakirukanka kubera n'ibintu batamenyereye, nagira ngo rero nongere mbareme agatima, ibyo bintu twebwe hano muri Kapitali turabimenyereye, turabimenyereye rwose igisasu kiraza kikikubita iruhande rwawe, ntibikubuza guhita uhagarara ugahangana ukavuga uti reka ndebe aho ngomba kureba kugira ngo umwanzi naza atantungura, namwe inama nabagira, ubwo ndavuga abaturage mu gice cyose cy'iyo epfo aho batangiye gutera, uretse ko no kuvuga ngo

gutera mbona ahari ari nko gukabya kuko iyo umuntu avuze ngo “Ntongwe yatewe”, twibaza abo bantu umubare wabo. Umunsi umwe wonyine ngo “iratewe”, batatu bakazamuka, batanu bakazamuka, ba...ba bakoze ishyano bakaba ari nka mirongo itatu maze uwo munsi abasore b’intarumikwa babavudukana ngira ngo mwabyiyumviye ku maradiyo yanyu, makumyabiri na batandatu ko bahise baga... bahasiga agatwe ejobundi, ni inkuru ishimishije cyane n’abategetsi bacu yarabashimishije kuko ee Nyakubahwa Ministre w’Intebe ubwe ahatemberera yabonye uko byari bimeze rwose ingabo z’u Rwanda zashoboye gufatanya n’abaturage basigaye ku mirenge bagahashya izo Nyangarwanda turabashimira cyane.

Ni uko rero icyo ngira ngo mbabwire ni ukugira ngo mbareme agatima mwihangane, mwumve ko kumva igisasu atari ho isi irangiriye, twebwe twarabyumvise turabimenyereye, ugize ibyago kiraza kikamwikubitaho ariko mu baturage, mu Banyarwanda bakunda u Rwanda rwabo barenze miliyoni kugeza ubu twemera miliyoni zirenze esheshatu bahanganye n’uwo mwanzi, umubare ahari sinawuvuga jyewe kuko aa sinshaka kubeshya, ariko icyo nzi cyo ni uko nta miliyoni bagezeho. Abo bantu koko tuzahangana, bo ubwabo bazi neza ko bashobora kuzadutsinda? Ese mbabaze mwebwe banyamayaga mwa...shimye kandi mukaba mwemera ko tugomba guhangana n’izo Nyangarwanda, imbunda abo bantu bazanye zingana iki ku buryo zishobora guhangana n’izacu, n’ingabo z’u Rwanda zishyize hamwe namwe b’abasore b’intarumikwa mwiyemeje kuguma mu birindiro byanyu? None se niba ari abantu, wenda benshi magana atatu tuvuge da! Abasore dufite aho ngaho ku Mayaga ni bangahe? Bangana iki? Ubu se aho bahereye, noneho mbahe urugero rw’aha ngaha muri Kigali, nzi neza ko bamwe bari barahangayitse n’ababyeyi bacu bari baha... barahangayitse bazi neza ko ahari tutakiriho. Reka dufate umwanya tubabwire, aho bahereye babirasa murabyumva n’iyo muri aho kure murabyumva biturika, bigira gute, aho bahereye barasa none se ni uko nabuze inzira yo gutaha ngo ngere aho ngaho nze kuba... ku... kubareba twicarane tuganire tube turi kumwe muvuge ngo umwana wanyu muri kumwe? Nyamara ntabwo nabikoze. Sinabikoze kubera impamvu ya mbere, impamvu ya mbere ni uko: sinshobora kuba ndi umusore numva ngifite ingufu, ngo mbone igihugu cyanjye nkunda niyemeje kuzakorera cyambyaye nkaba ngejeje mu myaka mfite ee ihagije n’imbaraga mfite zihagije ngo nte igihugu cyanjye Kapitali ngo ngiye kwicara imbere y’umukecuru, ngo mubwire ngo natsinzwe ngo muri Kigali bimeze nabi reka! Nirutse icyuya cyandenze, ee intumo y’icyuya yaje ngo i Kigali byacitse kandi abantu bakiri i Kigali. Ubwo se ambajije ati ko uri umusore, ikintu umaze muri Kigali ni igiki? Abandi ko ubasize, ubasize ute? Ese Kigali yafashwe koko? Nimumbwire ikintu nabasubiza?

Ntabwo rero ari uko nguko nteye, nzi ko n'ababyeyi banjye ari uko nguko bateye kandi nzi neza ko ubwo mperukayo bari bahanganye, abo tutashoboye kubonana bambwiye neza ukuntu bari bifashe, bitwaye neza, bakomeze bitware neza hamwe n'abandi baturage na Burugumestre wa Komine, n'abandi baturage na bo bamushyigikiye, n'abandi... Banyarwanda ndetse n'abanyamahanga nta wabura kubivuga kuko barahari bafite igitekerezo cyo kurwanya umwanzi kuzageza ubwo tumugejeje ku ndunduro. Abo bantu ndabashyigikiye bamenye yuko Abanyamayaga turahari, abantu bo mu duce twose turahari, muri Kigali, Kigali irimwo abantu bose ntabwo twayitereranye. Namwe rero mwitererana agace kacu, kuko ntabwo byumvikana ukuntu twahangana hano muri Kigali, ejobundi twamara "kuzikubita incuro" nk'uko mugenda mubyiyumvira mwumvise ukuntu bya bibunda byabakanga bya Mi point cinquante rwose mwumvise ingabo zacu zikomeye uriya Muliyetona NDAYAMBAJE Emmanuel, ibyo yabatangarije mwarabyumvise sinabisubiramo kwaba ari ukurondogora, harafashwe n'umunyamakuru Kantano yabwiye u...bu turi hano turi kumwe n'igi... igisasu barasaga, ikibunda nacyo barakijyanye ibyo bisasu turimo kubireba. N'ibindi bisigaye birahari ni byo. Bya MUSEVENI nyine yohereje, MUSEVENI mwaramwiyumviye ukuntu ngo we arimo gutinya ngo ni abasore, asigaye yarabuze icyo avuga. Ngo "yacitswe n'abasore", ngo "ni bo bahanganye" ngo "aho mu Rwanda" ngo "bamucitse atabizi" ngo naho ubundi ntabafasha". Ese nk'uriya MUSEVENI, uretse ko hein ahari agira ngo "ntibishya bishyira bishyito"! None se uwamubaza impamvu abo basore bamunaniye bakaza mu Rwanda yasubiza iki? Ese niba afite ingabo zimwumvira, akaba afite ingabo zikora akazi ke, kuki adashi... zidashobora kubahiriza umutekano muri Uganda ngo zishobore gufata abo basore bigize ibyihebe niba ari byo koko? Twe, twe... ntabwo tubyemera ntabwo ari byo kuko ni we wabohereje. Niba we yiyemereye ko ari abasore bamucitse, bamucitse bate kandi afite ingabo zubahiriza umutekano mu gihugu cye, zikaba zifite discipline azi neza ko aziyobora? Niba rero zitarashoboye gufata ayo mabandi yaje kudusenyera igihugu, azavuge ko na we ubwe ingabo ze zimunaniye yegure noneho duhangane na Uganda, dufate ingabo zacu zifite discipline tuzibwire ko zigomba kubahiriza umutekano mu gihugu cyacu kuzageza ubwo zigejeje ayo mabandi muri Uganda, azaba akiriho kuko ee hein nkeka ko si no gukeka, aa iyo tubivuze bamwe bagira ngo... ni ibihuha, rwose abanyamakuru b'aha ngaha ni bo bajya bavuga bati "wagira ngo ahari Inkotanyi zirasubiraho". Ntabwo zisubiraho, zishatse zajya hasi zikemera zikaza imishyikirano ntishyireho amananiza, icyo dushaka ni uko abana b'u Rwanda twese tuguma hamwe, tukumvikana, tugatura u Rwanda rwacu turi hamwe twashyikiranye, nta na rimwe twigeze twanga imishyikirano, mwumvise ko mu ntego Guverinoma yacu yashyize

imbere ari ugushyikirana n'izo Nyenzi, nyamara ariko zo ntabwo zirimo gushaka kubyemera kuko zishyiraho amananiza menshi, nyamara ayo mananiza ni yo atazatuma zigira icyo zigezaho kuko incuro, ku mugani w'Abarundi ubu n'ubugira kenshi, ni ubugira nka katanu (sic) imishyikirano itangira babona bitangiye kubakomerana bati "reka tubanze tuyitinze kugira ngo twisuganye", nyamara bakisuganya bwa kabiri bagira ngo bongeye bakojejeho bagasanga intarumikwa zacu ziracyahari, ubwa gatatu na none bakumva bikomeye bati "reka da"! Bati "noneho nimureke duhagarike imirwano", ari yo bita "cessez-le-feu", ubwo bakaba barabihagaritse ingabo z'u Rwanda zari zitangiye kubashushubikanya zabagejeje hafi ya Uganda bati "nimutubabarire", baba bumvikanye n'ibyitso birumbikana byabo, "mutubabarire tubanze ee duhagarare gatoya twumvikane, noneho ee tubone uburyo twahagarika imirwano".

Muri uko kubikora kubera ibyitso byabaga byarafashe ee aa indi migambi, ubwo intambara igasi... ihagarara, ingabo zacu zikabihorera kubera discipline bazitoje, nyuma zamara kwisuganya izo Nyenzi zikaba zirongeye zirateye, nyamara uko gutera kwazo zigejeje kuri uyu munsi wa none ya masaha nkeka ko yabaye iminsi! Ya minsi na yo twari tuzi ko ari iminsi yavuyemo ibyumweru, ibyumweru biragenda bivamwo amezi kugeza ubu duhereye ejobundi aho bakoreye ariya mahano batazigera banibagirwa mu buzima kuko nta uretse na twe, uretse na twe ubwacu, na bo ubwabo bazi neza ko badashobora kubyibagirwa kuko ibyo bateganyaga ntabwo ari ko byagenze, ntabwo ari ko byabagendekeye, ntabwo bazabyibagirwa na rimwe.

Rero nkaba ngira ngo rwose Abanyarwanda mutuze, turi hamwe muri Kigali tumeze neza, twifashe neza nta kibazo. Nagira ngo nsubize ijambo umunyamakuru Kantano, nibiba ngombwa arabampa mbasezereho hanyuma na we agire ikindi yakongera kubabwira.

**Orateur Kantano HABIMANA :**
Urakoze NZAYINAMBAHO, nta n'ubwo nari nzi yuko uri Umunyamayaga mwene wacu, ariko ni byiza kubera iyo ee ubwo butumwa ugejeje ku banyamayaga, ndakeka yuko nanjye ubwo nageza ku bantu bo muri Komine Mu... Ntyazo, abantu bo muri Komine Muyaga tukabagezaho ubutumwa na... n'abo muri Komine Mugusa, ubwo bigenda bigitanga nyine aho hose, ariko na...bagezaho ubutumwa yuko bagomba kudatinya ubusa, kudatinya ubusa kuko ibyo byihebe mu by'ukuri biragaragara ko... ko ari ibyihebe, kwirukanka ugenda mu makomine wirukanka wica ugira ute, ibyo byihebe nibijya biza bajye babihunga dore nk'ubu ngubu hari umuntu ungejejeho amakuru y'uko

umugabo witwa Gastoni, Gastoni rwose yari umugabo infirmier, yari umu... yakoraga mu bitaro byo kwa... byo kwa Padiri i Mamba, none bambwiye yuko ngo "yahunze akaba yarahungiye i Burundi none akaba arimo ategura ibitero abitegurira i Burundi ngo byo kuzatera muri Muyaga". Ibyo ari byo byose ndakeka yuko ibyo byose ni uguhanyanyaza n'ubwo yatera ibitero, nta Nkotanyi na nkeya n'ubwo zaba zivuye i Burundi zafata Komine Muyaga, nta n'izafata imwe mu makomine yegereye umupaka, kandi bariya bantu b'Abarundi bakomeza gutera inkunga Inkotanyi bamenye yuko nitumara kuzitsemba mu Rwanda, mu... hari ikintu bita "droit de poursuite" tuzirukankana Inkotanyi (inaudible) tuge... tuzigeze no mu Burundi, tuzirukankane mpaka n'i Bujumbura na ho tuzihirukanye. Ku buryo rero bariya Barundi bari bakwiye kwitonda ntibafashe Inkotanyi, kuko tuzazirukana mpaka kugera n'i Bujumbura, umunsi rero twageze i Bujumbura bariya bantu tukabasenya tukabamara, ntibazavuge yuko twebwe tutazi kwihangana. Abaturage rero bo mu Mayaga mukomere mwihangane mwe guhunga ibihuha, mwe kuva mu byanyu gusa nta kintu mubonye, Inkotanyi ntabwo ari Imana, si n'amashitani agera hose, yego iyo zigeze kuri Komine iyo wabimenye urirukanka ugahungira mu rutoki Inkotanyi ntabwo zakubona nta byuma bibona zifite byo kureba mu rutoki, hanyuma nuko izo nkoramahano zikagenda, kandi mu by'ukuri amaherezo tuzazitsemba, hano mu mujyi ho nta kibazo dufite, mu giturage naho mushikame, abanyamayaga muzi kurasa mufite imiheto, mufite amahiri, mufite imbwa byo kuronda ibyo byihebe, hanyuma noneho mubitsinde burundu, mubitsinde burundu hanyuma mwene Gatutsi ahebe, yihebe yumve ko gutegeka uru Rwanda n'ubwo yakwitwaza abaganda nta kintu bizamumarira. Hanyuma rero hinga mpe NZAYINMABAHO ijambo rya nyuma abasezereho abarema n'agatima.

**Orateur NZAYINAMBAHO :**

Murakoze bwana Kantano, nongeye kubashimira rwose ko mwitangira igihugu uko mushoboye kwose, kuko uretse nanjye n'Abanyarwanda bose bazi neza ko iyi ntambara yarwanywe n'abantu benshi kandi ku buryo bwinshi. Intambara mwarwanye rero turayi... turayibashimira, kandi uretse nanjye ushoboye kugera hano muri blindé yanyu, nzi neza ko n'abo twiriranwa hariya kuri za bariyeri n'abo turarana ku marondo dutegereje uwo mwanzi wibeshya ngo azagera muri Kigali, nzi neza ko babashimira rwose ubwitange mwashoboye gukorana kugeza n'ubu ngubu mugitona ku mugano w'Abanyarwanda twasigaye aha ngaha.

Nkaba rero nagira ngo muri aa... tu tunota dukeya nsigaranye ngeze ku bantu igitekerezo gikurikira : abantu twabanaga muri Kigali, muri Kapitali, rwose abantu twabanaga muri

karitsiye ndagira ngo mbanze mbasuhuze mbamenyeshe ko uko mwadusize ee tukimeze neza tukifashe neza, turaho abo twasigaranye barabasuhuza barabatashya, ariko tukaba twagira ngo tubamenyeshe ko ibintu noneho byifashe neza, ibyo mwatinyaga mwumvise ko bya bibunda batangiye kubifata kandi iyo muri ee abenshi aho bari batekerezaga yuko nta rusasu rwahagera

**Orateur Kantano HABIMANA :**
(Inaudible)

**Orateur NZAYINAMBAHO :**
uhum bitahagera, ngira ngo mwiboneye ubwanyu ko hose ni kimwe zizahagera ariko kugira ngo noneho tugire ikintu duharanira gikomeye, igikomeye cyane ni uno mutima, ni ibi bihaha by'igihugu ari yo Kapitali y'igihugu, Kigali.

Abo bantu bagiye b'abasore, b'abagabo, twarabemereye twumva n'ibitekerezo byabo rwose twarabishimye ko bagiye bajyanye imiryango yabo, ariko uwitwa ko ari umusore nagire agaruke, uwitwa ko ari umugabo nagire agaruke dufatanye dusangire ibyo dusanzwe dusangira, ariko duhangane n'uwo mwanzi kuko aho yagiye n'ubundi hari abasore na bo bazakomeza guhangana n'umwanzi. Byaba biteye agahinda kubona umuntu aturuka muri Kigali, akagenda akaguma iyo yagiye ari umusore, ari umugabo, noneho kugira ngo abone ukuntu yikura imbere y'abantu bamubaza icyo yahunze agatangira kuvuga n'ibitarabayeho muri Kigali. Oya ntihazagire ubeshya
Kigali yacu imeze neza, iraho dufite umutekano ahubwo na mwe nimukore uko mushoboye murebe uburyo mwagaruka dukomeze duhangane nk'uko twatangiye na mbere hose, turacyari aho.

Nkaba nagira ngo ee akanota kamwe ee nsuhuze mushiki wanjye wari uu ibi byabaye yaragiye i Gacuba ya kabiri niba akiriho ee ku Gisenyi, yitwa NYIRASAFARI Dyna, niba akiriho rwose nanjye ndacyariho n'ababyeyi ndumva baraho n'ubwo ibibazo byageze hose, umuryango wanjye na wo nawushuhuje, hari Sergent-major NKURIKIYIMPFURA Jean Paul uri... ee muri Shyira aho ngaho i Gitovu, abo mu Rugando na bo ee ndabasuhuza, mukuru wanjye NIYIBIKORA Dani ndakeka ko na we ahanganye n'umwanzi uko bishoboka, barahari benshi ariko abo banzi ni hahandi mumenye yuko barimo "kuruhira agatsi"! "Bararuhira Gaheshyi" rwose, "bararuhira Nyanti" nk'uko Abanyarwanda babivuze, muhumure tuzatsinda, murakoze ni ibyo nagira ngo mbagezeho.

**Orateur Kantano HABIMANA :**

Urakoze NZAYINAMBAHO, hari ikintu nshaka kugarukaho wavuze cyerekeye abakiga n'abanyenduga. Ubundi nara... nara... narabivuze ariko hinga mbisubiremo ku buryo bw'umwihariko, Inkotanyi ubundi zazanye akantu k'akarimi keza ariko ko kubeshya. Mpereye ku by'amashyaka, Inkotanyi zarabeshyaga ngo "bon", ngo "mwebwe" ngo "muri abantu bo muri MDR" ngo "nta cyo twabatwara" ngo "muri abana beza". Ariko nyine ibi birumvikana byaterwaga na TWAGIRAMUNGU Fawustini bari bazi neza yuko atari umuparmehutu ahubwo ari uwabo. Bati mwebwe abo muri PSD muri Abakombozi muri abana beza, mwebwe nta cyo tubarebaho abantu babi ni Interahamwe za MRND". Bati "mwebwe rwose muri aba PL muri abana beza, abantu babi ni abe... ni aba MRND n'aba CDR". Ariko wari umutego mubi kuko babonaga ishyaka MRND rikomeye, n'igitekerezo cy'Abahutu cya CDR na cyo gikomeye, noneho bakavuga bati "turiya dushyaka two turatwifitiye, MDR turayifite kuko dufite Président wayo, PSD kubera ibyitso byose birimo, turabifite", kuko NZAMURAMBAHO byaragaragaye ko yari Inkotanyi kuva kera cyane nk'uko Radi yigeze kubivuga mu rukiko, noneho PL yari iyabo noneho bati "ubwo bariya ari abantu badafite ingufu hinga turwane n'i... irikomeye hanyuma turiya dushyaka ubundi tuzaba utwa FPR. Uu ibyo ari byo byose bari bayashyikiriye.

Noneho na none rero mu by'intambara bati "mwebwe abanyenduga muri abana beza ndetse abeshi musa n'Abatutsi, nta kintu rwose tuzabakoraho, nimureke twihanganire n'Abakiga tubamerere nabi, biriya bikiga byanga Abatutsi hanyuma rero tubizahaze tubishahure tubimerere nabi, hanyuma noneho ubwo tuzaba turimo turwanya akazu, tuzaba turimo turwanya ibiki n'ibiki". Ariko mu by'ukuri kwari ukubeshya bagira ngo babanze abafite ingufu, abafite abasirikare benshi, abafite imbaraga babanze babacogoze, hanyuma noneho bihitire mu Mayaga nk'uhita kuri tapi kubera ko nyine babaga abafite ingufu ari mu ngabo, abafite ubukungu butari buke babazahaze nibamara kubazahaza ubundi baze bigarurira Amayaga.

Noneho ikinyoma rero cyabo cy'Inkotanyi kiratahuwe kuko (interruption).

**Fin de la face A. (Le reste de cette face est vide).**

## FACE B

**(Partie non enregistrée)**
**Orateur Kantano HABIMANA:**
(inaudible) ...kura mu byabo, nta rukundo rero zifite. Abanyabutare, abanyabutare na bo babarira mu banyenduga, bariya ba KAMBANDA basu... Inkotanyi zishushubikanya zihiga, bariya ba SINDIKUBWABO, bariya ba NYIRAMASUHUKO ba nde ya nde ni abanyabutare, nta kuvuga rero, ko bavugaga se mbere ngo "hategeka akazu k'abakiga", none se ko noneho haje akazu k'abanyenduga na ko bakaba barimo bakirukankana, noneho ubwo urumva izo Nkotanyi urukundo zifitiye abanyenduga ari uruhe? Abanyabutare, njye ndi umunyabutare ariko biragaragara ko nta rukundo Inkotanyi zimfitiye, kuko SINDIKUBWABO zirukankana, ee KAMBANDA, ee NDINDILIYIMANA abo bose ni abanyabutare. Sinzi umunyamakuru wavuze mu gihe cyashize ati "hum! Ariko si Butare ra, Perezida w'u Rwanda umunyabutare, Ministre w'Intebe umunyabutare"! None se Inkotanyi kuki zitavuze ziti noneho habonetse akazi ku... akazu k'i Butare, twarwanyaga ak'i Bushiru, none ça va ibintu biratunganye hinga tugirane imishyikirano? Birerekana rero ko Inkotanyi zifite mu by'ukuri ibindi bintu ziba zitekerereza, ahubwo zikagusha abantu mu mutego mu bintu by'amayeri.

Ubu rero ayo mayeri yazo nta wukiyitayeho, abanyamayaga turazanga zadukuye mu byacu zitwicira abantu, abanyagitarama barazanga, abanyabutare zirimo ziradushushubikanya, kandi natwe twari tugerageje gukora akazu ariko ntizigashaka, urumva rero ko zo zishakira akazu k'Inkotanyi gusa. Ubwo rero... ikinyoma cyazo kiragaragaye. Ndagushimiye muvandimwe NZAYINAMBAHO, wirirwe ugire umunsi mwiza. Twumve umuziki, mukomere (musique).

... icyenda ivugira hano i Kigali, abatumva mwese aho muri hose mukomere, mukomere mube abagabo mwe kuba ibigwari turwane ku gihugu cyacu, turwane ku busugire bw'igihugu cyacu, turwane ku murwa mukuru wacu Kigali nta handi ki... nta handi Kigali iba, hanyuma abitwa ba "kibuno mpa amaguru", ba "kibuno mpa amaguru" bazagwa ruhabo twigaramiye, hanyuma noneho ba bwoba abo bose ndakeka yuko mwari mukwiye kugaruka tukarwana ku murwa mukuru wacu naho ubundi muziruka, muziruka muzahaba, hanyuma kandi hagati aho tuzaba turwana ku gihugu kandi tuzatsinda byanze bikunze u Rwanda ruzatsinda amahanga, u Rwanda burya... ni igihugu cyaranzwe n'ubugabo, ku buryo rero ubu ngubu si ho twabuta, twabwiye MUSEVENI kuva kera ko Uganda atari u Rwanda, ni agahugu gato ariko kihagazeho, hanyuma rero... Kigali ntabwo

ari Kampala, Kigali ntabwo ari Kampala birumvikana, ubwo rero ndakeka yuko Inyenzi-Inkotanyi ze ashatse yazibwira zikagenza make naho ubundi tuzazimara, noneho na we asigare "yimyiza imoso", niba ari cyo gihembo rero yabageneye, igihembo yabageneye cyo kugira ngo bashire be kuzajya bagaruka kugira icyo bamwishyuza, ibyo ngibyo ni akazi ke, Inkotanyi na zo zari zikwiye kureba ko harimo (inaudible) kuko nta kintu zishobora kugeraho.

Hagati aho hinga nsuhuze umugabo witwa MUJYAMBERE Fawustini wo muri Segiteri Duha, Segiteri Duha hariya i Gikomero, abo kuri bariyeri ya Avenue Paul VI, abo kuri ba... bariyeri ya Avenue Paul VI rero mu Biryogo mukomere mutone kabisa, abari kuri za bariyeri zose zo... kuri za bariyeri zose zo mu Kiyovu mukomere, mukomere aho ngaho ni ho Inkotanyi zikeka ko zizaza ninjoro zigendagenda (inaudible) ari ab'aho ngaho muri za avenues, iyo myobo yanyu nyine muzazihate amagrenade n'ibindi bikoresho byose mufite.

(Inaudible) ku byereke... a... ku byerekeye rero za bariyeri, ku byerekeye za bariyeri rwose, abantu baravuga bati "nyabuneka haramutse habonetse ibirayi nonaha bijye bibanza binyure kuri za bariyeri bagenda babaha, babaha". Icyakora hagati aho ndashimira ingabo z'u Rwanda zigenda ziha agaposho, yego ntigahagije, zigenda ziha agaposho abantu bari kuri za bariyeri, nabonye babaha imvange kugira ngo nyine bapfe ku... (inaudible) guhengekereza ku gatima, nta wukiririra kurya kenshi, kurya rimwe na byo birahagije. Ubwo rero umuntu abonye agaceri n'udushyimbo n'iyo yakubitamo ibiyiko bibiri, hum ariko ntimugacuranwe, murumva ko mutabaho ubu muri iki gihe nta ku... umuntu akiririra kurya cyane, ntabwo umuntu akirira kurya cyane.

Hanyuma... ubu butumwa rero (inaudible). Yaramenyekanye abo bantu baramenyekana, kandi igihe kizagera cyo kubibazwa kuko ubwicanyi bugomba guhagarara, nta muntu ushobora gukomeza kwica abantu abantu bamureba ngo ibyo ngibyo bihagararire aho ngaho, icyo yaba ari cyo cyose, icyo yaba yitwaje cyose. Abacukurira rero abandi umwobo, cyangwa bakababwira ngo "bacukure bihambe", ndakeka yuko ibyo bintu, iyo ngeso mbi, niba ari n'umukino sinzi ko ari byo, ariko iyo ngeso mbi bakwiye kuyicikaho kuko baramenyekana uko byamera kose, kandi burya uwibeshya ni ukeka yuko aba bica abantu babasekera ejobundi ibintu nibigenda neza ni bo bazaba babavuma, babatunga agatoki kandi hari abazahitanwa n'iryo yica bakekaga yuko ari ibintu by'ibikino. Kwica rero nta mukino urimo, amaraso si amazi, amaraso araseseka ntayorwe, dore n'amazi na yo muri Kigali yabuze, birumvikana ko (inaudible) mu gihe ijerekani igura ijana si buri

muntu wese ushobora kunywa amazi. Birumvikana rero ko n'amazi na yo yakomeye nkanswe amaraso udashobora kubona indobo yayo.

Koporali Jandarume NDARUHUTSE Emmanuel uri muri Gendarmerie nationale, Groupement ya Kigali, Brigade ya Kicukiro aramenyesha ababyeyi be bari batuye muri Komine Muhura, Segiteri Bugarura ku Kimironko ari bo RURANGANGABO Aloyizi na MUKA... na MUKAVISENTI Roza ko bamumenyesha aho bahungiye niba bakiriho. Arasaba ubazi kubibamenyesha, bazatange itangazo kuri Radiyo RTLM. Arasaba kandi na Pasteri SEBUHERERI Jean-Baptiste na NYIRANTEZIMANA Tasiyana, na Représentant wa (Inaudible) Fausti... Fawustini bayoboraga itorero ry'Ababatista ku Kacyiru ko babamenyesha aho bahungiye niba bakiriho. Ati "ndasaba n'uwumvise iri tangazo abazi kubimenyesha". Ni Kaporale Jandarumu NDARUHUTSE Emmanuel wo muri Brigade ya Kicukiro.

Kaporale RUVUNA Issa, Kaporale RUVUNA Issa uba muri 53ème bataillon aramenyesha MUSABWASONI Doroteya, GATO Siliveri, MANIRAGABA, MANIRAGABA sinzi irindi aho baba barahungiye kugira ngo bamumenyeshe aho bari barahu... baba barahungiye kugira ngo ashobore kubageraho niba bakiriho. Itangazo rero bazarinyuze kuri RTLM cyangwa kuri Radiyo Rwanda (coupure)
Iyo ndirimbo, kubera ko yari yuzumo ibyitso nyinye, ntishobore kuba yahitisha iyo ndirimbo nziza... ihamagara bene Sebahinzi kwiyunga kugira ngo batsinde Inyenzi-Inkotanyi, nuko none musigaye mwumva ko Radiyo mukeba nyine, nako itakiri Radiyo mukeba aho ibereye Radiyo muvandimwe, aa ubu rero nyine isigaye ihitisha iyo ndirimbo, ntabwo ikiri exclusivité ya RTLM. Birumvikana rero yuko iyo abanyamakuru bashyize hamwe, ingabo z'u Rwanda zigashyira hamwe, abaturage bagashyira hamwe, mu by'ukuri burya... n'uwigize icyihebe aba arimo atsindwa byanze bikunze n'ubwo ya... yabyemera atabyemera, yabyemera a... atabyemera ariko umuntu aba arimo atsindwa bigaragara kuko iyo abantu wari warabatanyije nyuma bagashyira hamwe baba bagiye kukunanira, burya na wa mugani w'inkoni, iyo inkoni imwe wayinaze hariya, indi ukayinaga hariya, indi ukayinaga hariya, kuvuna inkoni imwe biroroshye, ariko iyo zagiye hamwe zikaba umuba n'iyo washyira ku ivi ntiwazituritsa. Ndabona rero gufata Radiyo RTLM, ugafata Radiyo Rwanda ukabitandukanya abanyamakuru ntibavuge rumwe, ugafata amashyaka amwe akavuga rumwe n'Inkotanyi andi ntavuge rumwe, ugafata ibiki, ingufu z'Abanyarwanda: abakiga, abanyenduga, abaganza byose ukabitatanya kubera amayeri yo kugira ngo ubananize, aa iyo bayashyize hamwe rero ushatse warakera,

K0221339

ushatse warekera kuko ubwo ngubwo kaba kabaye kakubayeho nta kundi bigomba kugenda.

UHORANISHYAKA Clément wo muri Selire RWEZAMENYO, iyo ndirimbo turaza kuyumva nyine yose nyuma, ariko hinga mbanze mbagezeho ubutumwa bwanyu. UHORANISHYAKA Clément, Selire Rwezamenyo, Segiteri Nyakabanda, Komine Nya... Nyarugenge, hum, afite ibitekerezo yashatse kugeza ku bantu ariko aha ngaha aravuga ati... ati "ni amabwiriza mbona, ukunda u Rwanda, u Rwanda rwamubyaye yagombye gukurikiza", hum, we ariko aragira inama Umuhutu avuga ati "Muhutu se wowe wakora iki kugira ngo utazongera kugaruzwa umuheto"? Icya... ati "rero **icya mbere:** Ishyaka wahisemo ba uriretse wishyire hamwe na bagenzi bawe mubanze mutsinde umwanzi".

**Icya kabiri:**"Uzi ko Abatutsi batinya ubwiyunge bw'Abahutu kuko bazi ko biyunze nta ho bamenera. Nimufatanye imbaraga zanyu mwiri... mwirinde uwabatandukanya ngo babone icyuho".

**Icya gatatu:** "Izo mbaraga nimuzikoreshe igihe cyose umwanzi ashatse kubinjiramo maze mumu...meneshe dore ko na Leta yatangiye kongera ibikoresho dusanganywe".

**Icya kane:** "Nimwirinde kuva mu byanyu kuko biha umwanzi icyanzu akatwinjirana".

**Icya gatanu:** "Amagana cyane bariya Bahutu b'inda nini bemeye kugurwa n'umwanzi ngo amare bene wabo. Abo ni bene RUKEBA".

**Icya gatandatu:** Ima amatwi biriya bigambo bagenda bahuragura hirya no hino mu mahanga bizwi neza ko nta kuri bagira. Ihutire kubinyomoza kugira ngo ikinyoma cyabo kibure intebe".

**Icya karindwi:** "Witinya abacanshuro umwanzi yitabaje, ibyo bikwereka ko atishoboye. Icya mbere ugomba kumenya icumi ku ijana ntibaruta mirongo cyenda ku ijana (inaudible), kereka baba... habaye uburangare bukabije".

**Icya munani:** "Ambasade zacu mu mahanga nizikore zitajenjetse, zituvuganire koko ibihugu zirimo bimenye neza ibibera iwacu nyakuri maze umwanzi abure aho ahera aduharabika. Ibinyamakuru byacu ni byo bigomba gufata iya mbera mu gutangaza inkuru nyakuri".

**Icya cyenda rero:** "Twirinde umutego nk'uwo bari baduteze Arusha, iriya ngirwa masezerano twari tu... tuzi neza uwo tuzayigirana! Hari icyo atari yara... yarabahaye amasezerano y'Arusha? Ariko ngo ntibanyuzwe ngo kereka babonye byose! Ariko se icumi ku ijana rihabwa ubutegetsi bungana na mirongo itanu ku

> ijana, mirongo cyenda ku ijana igasigarana ubuhe? Ngako akazi k'i(inaudible). Ngibyo njyewe ibyo mbona twakubahiriza kugira ngo ziriya Nyenzi tuzihe ibizikwiye dore ko na Guverinoma dufite ubu itabona du... itabona dufatwa... (silence) ita... itabona dufatwa nka ziriya ebyiri zayibanjirije, ariko na yo nigire igaruke i Kigali ejo itazitwa Bwoba".

Uwo mugabo ungejejeho ibitekerezo byiza yari ... dukomere... aravuze ati "dukomere ku rugamba", yitwa UHORANYISHYAKA Clément wo muri... Selire RWEZAMENYO, Segiteri Nyakabanda, Komine... Nyarugenge.

Urakoze rero UHORANISHYAKA kuba utugejejeho ibitekerezo ni byiza kuko ibitekerezo burya iyo umuntu agenda azana ibitekerezo, azana ibitekerezo ni ho havamo nyine ikintu cya ngombwa kuko aratubwira ati "twiyunge hanyuma dushyire hamwe, amashyaka yose twaba turimo tugende tuya... tube tuyaretse", wa mugani nanjye sinkimenya n'ishyaka ndimo kubera ko ibihe aho bigeze ntabwo bikiri iby'amashyaka ni ibyo gutsinda umwanzi.

DUSABEYEZU Désiré we aravuga ati "ndasuhuza abajepe bose", ati "ndagira ngo kandi nsuhuze abajepe bose bakomere, bakomere ku muheto", ati "ntibagiwe n'ababyeyi banjye aho bari hose bakomere", ati "nanjye ndacyari aho". Tuzarurwana rero nta kabuza kandi tuzarutsinda. Ni byo rwose njyewe ndabyemera yuko tuzatsinda Inyenzi-Inkotanyi ku buryo burambuye, ku buryo busesuye zikagenda zi... (inaudible).

I... hano rero hari itangazo ee ku byerekeye imikoreshereze y'imbunda zahawe abaturage ngo birengere.

**Icya mbere:** Imikoreshereze y'imbunda.

Imbunda zatanzwe muri segiteri, muri komine ni iz'abaturage bose si iya Konseye, si iy'umupolisi, si iy'umucuruzi runaka. Ni yo mpamvu abantu bose bo muri iyo segiteri bagifite imbaraga bagomba kumenya kuyikoresha. Bityo ugiye kuri bariyeri asimbura undi akayihasanga akayikoresha. Nta na rimwe iyo mbunda igomba kuva aho yashyi... aho yashyizwe. Ni na yo mpamvu Konseye asabwe gukora liste akurikije uko basimburana kuri bariyeri cyangwa se ku irondo, bityo bose baga... bagakora ntibiharirwe umuntu umwe gusa. Igihe bamwe bari kuri bariyeri abandi bagakora imirimo yabo cyangwa se igihe bamwe bari mu irondo abandi bakaruhuka. Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kuyijyana iwe cyangwa ngo ayitemberane. Urugero: Itariki ya mirongo itatu n'imwe Gicurasi, saa moya n'igice, ushi... ushinzwe défense civile muri

Ministeri y'ingabo z'igihugu yanyuze muri Komine Mugina, Segiteri (inaudible), Selire Kanyuriro ahura n'umwe mu bashinzwe bariyeri y'aho bahurira muri metero zirenga magana atanu ajyanye imbunda. Basubiranye kuri bariyeri basanga bariyeri ifunguye n'uwari ... n'uwo yari yayisigiye yagiye yitwaje imbunda nta wundi muturage uhasigaye. Ibyo rero ni akaga!

Ku byerekeye guhunga.

Abantu bose basabwe kumenya ko Konseye ushi... ashinzwe abaturage bamutoye, bourgmestre agashingwa abaturage ba komine ye. Bityo Konseye ntagomba gusiga abaturage ba segiteri, na burugumesitiri agomba kuba hafi y'abaturage be. Niba rero bibaye ngombwa ko segiteri cyangwa se komine yose ihunga, konseye na burugumesitiri bagomba kuba hamwe na bo... n'abo bashinzwe kuyobora, bakarundanya imbunda bahawe zose kugira ngo zirinde umutekano w'abahunga, w'abahunga ba segiteri cyangwa se ba komini, izo mbunda zikarinda umutekano w'ikigo, segiteri cyangwa komine yahungiyemo. Izo mbunda zose zigomba kuboneka igihe perefe azibarije cyangwa akoreye igenzura ryazo. Birumvikana rero yuko ibi ngibi bigomba kwitabwaho kuko ni cyo cyatuma abantu ba... badakomeza ku...shorerana imbunda ugasanga ahantu nyine, icyo zagenewe atari cyo ee zikoreshwa.

Premier soldat REMERA Emmanuel, Armée rwandaise, soixante quatrième bataillon aravuga ati bwa... "Bwana Kantano nda... mbere na mbere ndagira ngo ngusuhu... ngo nsuhuze abakozi bose ba RTLM ariko cyane cyane Ananiya kuko mudahwema kudufasha kurwanya umwanzi ari we FPR-Inkotanyi, nkaba ngira ngo munsuhurize ababyeyi banjye batuye i Cyangugu, Komine Kirambo mukomere cyane, ntibagiwe SINDIKUBWABO Emmanuel" ati "kandi unsuhurize muramu wanjye TWAGIRAMUNGU Jérémie, na mushiki wanjye NYIRANDIMUBANZI" uti "nimubona aka... nabona akanya azanyaruka aze kubasura".

Urakoze rero Premier soldat REMERA Emmanuel ushuhuje abakozi ba RTLM ariko cyane cyane by'umwihariko Ananiya. Ananiya rero mugenzi wanjye Ananiya na we arabyumvise kuko ari hano, ari hano rero mugenzi wanjye Ananiya nkaba ngiye kumuha ijambo ngo abasuhuze kandi... anagire n'ibyo abagezaho musanzwe mumenyereye. Mwaramutse Anani?

**Orateur Ananie NKURUNZIZA:**

Mwaramutse Kantano? Mwaramutse nshuti za RTLM? Ndagira ngo nanjye nsuhuze Premier soldat REMERA Emmanuel hamwe n'izindi nshuti za... Radiyo RTLM zose na cyane cyane ingabo zo mu... z'igihugu zirwanira... kuri uriya muhanda wa poid lourd kandi zagaragaje ibigwi byazo ku buryo umwanzi ngira ngo na we agomba kuba abizi.

Ejo rero na none aho hafi ku Kinamba, ingabo ziharwanira hamwe n'abaturage bafashe umuntu w'Inyenzi wari waje... m'umusantineli wari waje kwiririwa areba uko ibintu bigenda, ubwo bari bamutumye hakurya agiye ku gisozi, ntabwo nririrwa mvuga izina rye ariko ibyo ari byo byose abamutumye nta bundi butumwa yabashyiriye kuko yarafashwe.

Amakuru rero yaramutse uyu munsi wo ku itariki ya gatatu y'ukwezi kwa gatandatu ni atubwira ko Umunyamabanga mukuru wa Loni BOUTROS Ghali yongeye gutera hejuru abwira ibihugu mpuzamahanga ko mu Rwanda ibintu bikomeje kumera nabi kandi ibyo bihugu bikaba byarituramiye. Twibutse ko iyi ntambara kuva yubura yubujwe itewe n'Inyenzi-Inkotanyi, abakomeje gusakuza bakomeza gusakuza ariko mu by'ukuri nta cyo barakora, abo bashakuje bose rero ee tuzi yuko bamwe ari banyirabayazana mu byago dufite, barimo Ababiligi, Abagande, nako MUSEVENI si n'Abagande ni MUSEVENI wenyine n'abandi. Uwaguteje ibyago rero birumvikana ko atari we wakwihutira kuza kubigukiza. Igituma rero bakomeje gutseta ibirenge, mu by'ukuri bagira ngo bahe Inkotanyi akanya ngo zikunde zifate umujyi wa Kigali, ubwo rero birangiye n'iby'impaka bibe birangirira aho ngaho.

Ikivugwa na none kibabaje muri iki gitondo ni Radiyo y'Abongereza itagize isoni zo kuvuga yuko abantu ngo "baba barishwe muri iki gihugu" ngo "baba barishwe n'ingabo z'igihugu hamwe" ngo "n'Interahamwe". Ibyo ngibyo rero ni imbyino ishaje, ni imbyino... iterwa n'Inkotanyi ikikirizwa n'abazishyigikiye. Kuri iyo mbyino rero nagira ngo tuzajye dukomeza twime amatwi umuti wayo ni uko twe turwana, umunsi twatsinze ni twe tuzashyira ukuri ahagaragara, kuko ntabwo ari ingabo z'u Rwanda zishe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'abo bari kumwe, si Interahamwe zamwishe, si ingabo z'u Rwanda zarashe ku kigo cy'abajepe ku itariki ya karindwi, ukwezi kwa Mata, ahubwo abakoze ibyo byo... byose barazi. Ibyo rero baba babwejagura ku maradiyo ngo "ingabo z'u Rwanda, Interahamwe", ibyo baba bagamije murabizi.

Ikindi... inkuru yabyutse ivugwa n'amaradiyo cyane cyane nka Radiyo RTLM na Radiyo Rwanda ndetse n'amaradiyo mpuzamahanga ni uko ya mishyikirano yari hagati

y'abahagarariye ingabo zacu n'abahagarariye Inkotanyi yapfubye, yongeye gupfuba. Twibuke ko iyo mishyikirano yigeze kuba ku itariki ya mirongo itatu y'ukwezi kwa Gicurasi gushize, Inkotanyi zikayanga zigira ngo mu minsi nk'ibiri, itatu zibe zafashe, ejo byagera na none zitarafata zikongera zikayanga.

Aha ngaha mpasanze itangazo ngo rigenewe abanyamakuru ry'urubyiruko rw'ishyaka CDR-Impuzamugambi ziharanira repubulika mu karere ka Cyangugu. Ntabwo ndisoma kuko atari cyo cyanzanye ngira ngo baribasomeye cyangwa baraza kuribasomera, ariko hari aho nsomyemo abo basore bagira bati "abasore b'Impuzamugambi z'i Cyangugu barasaba Guverinoma y'Abatabazi gutanga ingingo n'i... n'ibyifuzo ashaka kuzageza ku Nkotanyi mu gihe cy'imishyikirano, bityo ntibazagwe mu mutego w'Inyenzi-Inkotanyi wo kugendera ku byifuzo byazo gusa.

Aha rero n'abantu bamwe babyutse bambaza bati "se ko muri iyo mishyikirano yapfubye ejo twumva ibyifuzo mbanziriza-mishyikirano by'Inkotanyi, ibyifuzo kandi birimo amananiza ku buryo nta n'uwabyemera, ibyifuzo by'uruhande rw'u Rwanda byo ni ibihe? Ese abacu bagiye gushyikirana bo bajyana byifuzo ki? Ibyo bita les conditions préalables".

Ibyo byifuzo rero ndetse no mu itangazo twabasomeye ubushize ee ryari ryasohotse nyuma y'inama yapfubye yo kuri mirongo itatu, muri iryo tangazo twabonagamo ibyifuzo bivanze (inaudible) y'Inyenzi, ariko ntitwigeze tubonamo na rimwe ibyifuzo byo ku ruhande rw'u Rwanda ruhagarariwe n'ingabo z'u Rwanda.

Aha ngaha rero wa mugani babyutse babivuga n'abanyamakuru ari aba hano, ari n'abo kuri Radiyo Rwanda ko tudakwiye kuzagwa mu mutego nk'uwa Arusha aho twagenderaga ku ndirimbo y'Inyenzi ngo "Inyenzi ntizishaka ibi", ngo "Inyenzi ntizishaka ibi, Inyenzi zirashaka ibi". Nuko NGULINZIRA na NSENGIYAREMYE bahora muri ayo... aho byatugejeje murahazi. Uwo mutego rero ntabwo twagombye kuwujyamo, ntabwo twagombye kuwugwamo ahubwo iyo mishyikirano yarorera, kandi rero... twakunze kubivuga aha ngaha kuri Radiyo yanyu umenya iyi ntambara izarangizwa n'uko irangiye, naho ibyo gushaka "kutwiba umugono" bazana imishyikirano y'ibikwa... y'ibikwangara ntabwo umuntu yakomeza kubyitaho.

Amakuru rero yaramutse ni ayo ngayo, ariko nari nabateganyirije amakuru yandi yabaye mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Gicurasi, sinzi niba ataba maremare ee cyangwa se ngo

ndeke Kantano abanze arangize ibyo yababwiraga, ubutumwa bwe mbone kuyababwira nanjye maze kuruhuka gato.

**Orateur Kantano HABIMANA:**
Ni byo Ananiya, ubwo ngubwo ndakeka yukó amakuru ee amakuru... nako n'ibiryo bihoze birashyu... ee nako biraryoha, n'ibiryo bihoze biraryoha ubwo rero amakuru yihutirwaga ubwo uyarangije ushobora kuza kubabwira ayo ngayo nyuma mu kanya amaze gusoma amatangazo, twizere yuko bakomeza bagatega amatwi hanyuma noneho tukabagezaho ayo makuru maze (interruption).

Amarozi yabanje kuziroga, noneho arazidutererereza, arazidushumuriza nuko nk'imbwa zasaze sinakubwira ziradukira ngo ngizo za ki, ngo ngizo za... zigabiza ibishanga, imisozi, iki byose, zirurukanka reka sinakubwira, ngizo za Ntongwe, ngizo za Kibungo, ngizo za Sake ariko ntizimenye ubuke bwazo yuko ari bu... buteye isoni, nuko zo rero zikagira ngo aho zigenda hose ni nyinshi ariko ubu rero zirimo zirapfa nk'ubushishi bwavuye mu kiguri, zirimo zirapfa nk'intozi zavuye mu kiguri ku buryo ntizizasubira Bugande, izizasubira kubwira KAGUTA inkuru ni mbarwa, zo rero ziratinza imishyikirano zivuga ziti "yewe hinga twe gushyikirana tutarafata aha n'aha", nyamara byose ibyo zizafata nta cyo bizazimarira kuko ntabwo wategeka abantu bakwanga, baguhunga, batagukunda uri n'ubwoko bumwe bw'agatsiko kangana urwara.

Ubwo rero ndakeka yuko ibyo zibeshya byose, za demokarasi, ibintu byose by'amafuti nta kintu bizazimarira. Zikomeze rero zishire, zipfe, ndakeka yuko ubwo ni umurage ahari w'umwaka wavuze yuko i... Inyenzi zizashira uyu mwaka cyangwa se ko Inkotanyi, ko Abatutsi bose bazashira, ubu nta wabimenya cyakora ibintu Inkotanyi zirimo birasa n'umuvumo, sinzi uwazivumye nta wuzigira inama ngo zimukundire abazungu barananiwe, aba... abirabura iki, zo zigirwa inama gusa n'umutwe wazo umwe, nyamara ngo "umutwe wifasha gusara, ntabwo wigira inama". Ubwo rero tuzaba tumenya amaherezo y'izo Nkotanyi, ariko nta yandi atari ugushira kuko abiroha za Nyanza, za Ruhango, za hehe ngo ni Inkotanyi bazahasiga inkuru mbi, iyo nkuru mbi ni yo izabagaruka igaruke na bene wabo n'ubuvivi n'ubuvivure, ku buryo rero kujya gusiga inkuru mbi ngo urakotana njye mbona birutwa no kubireka.

Mukomeje kumva RTLM, Radiyo yigenga ivugira i Kiga...(interruption).

... igiye amakuru, muri aya mezi ashize, ntabwo ari amezi menshi ariko muri iyi minsi y'intambara kugira ngo mujye mumenya ibintu byagiye biba, kandi burya ni byiza kumenya amateka. Ananiya ijambo ni iryawe.

**Orateur Ananie NKURUNZIZA:**
Murakoze Kantano, nshuti za RTLM twari kumwe mu kanya mbabwira ko nza kubagezaho amakuru yabaye mu gice cya kabiri cy'ukwezi gushize, ubushize nari nababwiye ayabaye mu gice cya mbere cy'uku kwezi kwa Gicurasi, ariko nk'uko byari birebire ndavuga nti uwakaturamo kabiri andi nkazayababwira ubukurikiyeho.

Ku itariki ya cumi na gatandatu y'ukwezi kwa Gicurasi rero uyu mwaka wa mirongo urwenda na kane, Radiyo y'Abasuwisi yumvikaniye hano i Kigali yatangaje ko impunzi z'Abahutu zambuka umupaka wa Tanzaniya buri munsi zihunga, zihunga FPR ikomeje kwica abaturage ibaziza ngo ko ari Interahamwe.

Uwo munsi na none wo ku itariki ya cumi na gatandatu, amaradiyo yo hanze yaranze inama y'umutekano ya Loni yagombaga guterana ku itariki ya cumi na karindwi maze ikiga ikibazo cy'u Rwanda. Iyo nama rero yaje guterana ifata icyemezo nimero magana cyenda na cumi n'umunani cyo kongeza ba basirikare ba MINUAR ibihumbi bitanu na magana atanu. Mu makuru dufite ya nyuma abo basirikare ngo "hamaze kubonekamo ibihumbi bitatu" ariko mu by'ukuri badashobora kugera inaha muri iyi minsi kuko ingorane zikiri cyo... zikiri zose. Aha peut-être, aha icyo umuntu yavuga, nari ngiye kuvangamo ibifaransa, aha icyo umuntu yavuga ni uko no muri aya manama harimo ibyitso byitiliza Inkotanyi, uko bakusanyije abantu rero ngo baze gukiranura, baba babo... baba bo... boroheje kubazana ngo Inkotanyi zikunde zibone uko zifata, ariko byose nk'uko tuza kubibona uko amakuru akurikirana, murasanga ari "ya mitego y'imishibuka, ishibukana bene yo".

Na none kuri uriya munsi wa cumi na gatandatu, ibyago twatejwe n'ako gaco k'Abatutsi bo mu Nkotanyi byatwibagije urw'Abahutu b'Ababarundi bakomeje gupfa. Kandi koko nta gihe batapfuye kuva Nyakwigendera NDADAYE bamuhitana. Aho i Burundi rero, Umututsi BAGAZA yatangaje uwo munsi ko ashinze ishyaka ngo bita "PARENA", Parti pour la reconstruction nationale, maze ngo "hakazaba inama rukokoma", ngira ngo izaba iremeshejwe n'iryo shyaka, yo kwiga ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi bo muri icyo gihugu.

BAGAZA yavuze ko "nibinanirana igihugu cy'u Burundi bazagitera imirwi, hanyuma Abahutu bakajya ukwabo, Abatutsi na bo bakajya ukwabo". Aha cya gitekerezo cya Hima-Tutsi land u na cya gihugu MUSEVENI yarose cy'Abahima n'Abatutsi ukwabo, urumva ko cyongeye kigaruka no mu mutwe wa BAGAZA w'u Burundi.

Ahari aho twaba... uu... nk'uko twakunze kubivuga cyane cyane mu biganiro nagiranye na... GAHIGI twaba... tukiri mu rujijo tutazi ko benda... ibihugu byacu gusubira mu mipaka bamwe bakajya ukwabo, abandi ukwabo. Ariko ari ibyo, aho kugira ngo tumarane batumarire ku icumu batubwira nk'uko basigaye bimuka mu mahoteli bajya ahandi, batubwira bamwe bagaherera ukwabo, abandi ukwabo.

Ku itariki ya cumi na karindwi rero ukwezi kwa Gicurasi, Inyenzi zibasiye abaturage bo ku Kacyiru yo hejuru y'i Kinamba zibatera ama bombes nk'uko twabibabwiye aturuka ku Gisozi, ariko ubwo

zari zigamije kuzagaba ibitero uu... kuri kiriya kigo cy'abajandarume ba Kacyiru. Ibyo bitero rero nk'uko mwa... twabibabwiye mu makuru ya nyuma zarabigabye ariko ntibyaza kuzihira.

Kuri cumi na karindwi na none, Radiyo y'Abanyamerika bita "The Voice of America", mu ijwi ry'umunyamakurukazi witwa Mayimuna yatangaje ko ngo "Inkotanyi zirwana zisatira umujyi wa Gitarama" ndetse ngo "n'umuhanda umwe wari usigaye uhuza Kigali n'ako karere ukaba ufunze".
Cya cyemezo cya Loni, ubwo turacyari ku itariki ya cumi na karindwi, cyo kohereza abasirikari ibihumbi bitanu na magana atanu mu Rwanda ntabwo cyari cyagafashwe. Ubwo ni bwo Inyenzi zateraga icyokere ngo "Komisiyo ya Loni ishinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu izateranira i Jeneve muri iyo minsi, hanyuma ngo icire abicanyi urubanza". Twabasesenguriye aha ngaha iyo bashyuha mu bicanyi i... abo baba bashaka kuvuga, ariko n'iyo nama yarateranye rero isanga
abicanyi abo ari bo, imenya abicanyi abo ari bo ndetse n'imigambi n'ibyo bari bayitezeho bafashijwe na Canada biburiramo.

Kuri cumi na karindwi na none twabasoba... twabasomeye ibikubiye mu kinyamakuru "Le Courrier du Sud" cyanditswe ku itariki ya cumi n'umunani Mata. Icyo kinyamakuru cyaduhishuriye abantu bose barimo cyane cyane mbese Abanyamerika, n'Ababiligi,

n'Inyenzi, na MUSEVENI bagize uruhare mu iyicwa ry'Umukuru w'igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali HABYARIMANA Yuvenali.

Ku rupfu rwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali, Jeune Afrique nimero du... magana abiri na mirongo irindwi n'ebyiri yaranditse. Ndabisoma mu gifaransa: "L'assassinat du Président HABYARIMANA est un acte de sans gloire comme, comme on tire dans le dos, perpétré dans l'obscurité, par des tueurs (inaudible) visage qui ne veut pas affronter leur victime". Aha mu kinyarwanda riravuga riti "awishe (sic) Perezida wa Repubulika ni ibigwari. Icyo bakoze si igikorwa gikwiye ishema, ahubwo kimeze nk'abantu b'abajura bihisha bakarasira umuntu mu mwijima kandi bamuturutse mu bitugu batinye kumureba".
Koko rero bamwica bishe amatora kuko ni yo batinyaga, kandi rero bari bazi neza ko azabagaragura muri ayo matsi... muri ayo matora. Bishe amatora rero bica na demukarasi.

Nuko muri icyo kinyamakuru bagakomeza bati "Le Président est entré définitivement dans le bercail", bati "Perezida yisubiriye mu rwuri rwa Shebuja", Shebuja ari we Imana. Ibyo rero turongera tukabyumva mu byo Bikira Mariya yaba yaravuze ko yamwakiriye.

Ku itariki ya cumi n'umunani z'ukwezi kwa gatanu, ikinyamakuru "Le Monde" cy'Abafaransa cyizihije isabukuru y'imyaka mirongo ine cyari kimaze gishinzwe. Ni cyo... icyo kinyamakuru (interruption)

**Fin de la face B**